# 221: Bana, mw ijur' abiringiy' Umucunguzi

1.

Bana, mw ijur' abiringiy' Umucunguzi Tuzaherway' ibintu byinshi.
Azaduh' amakamba y'ubwiza bwinshi, Kand' atwambik' imyenda yera.

Ref:

Bana, tuzahabwa, tuzahabwa byinshi, Tuzagabirwa byinshi mw ijuru
Tuzahoran' ishimwe, tunezerewe, Ni twizer' Umukiza Yesu.

2.

Tuzagendagenda mu muhanda wakozwe Mw izahabu n' ifeza nyinshi; Kandi Yesu ni We zuba ryaho ryiza : Nta n'ijoro riba mw ijuru.

3.

Twe n'abera bose tuzacurang' inanga, Turirimbir' Umwami Yesu; Tuhanywere n'amazi y'Ur'uzi rwiza, Dusiz' urupfu n'amakuba.

4.

Muze mwese, tujyan' iyi nzir' ifunganye, Mumuhay' imitima yanyu. Nimuyoboke mwes' Uwababfiriye, Abagezey' abanezeze.

Visit us at indirimbo.com